REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

IKIGANIRO NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE YAGEJEJE KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO, IMITWE YOMBI, KU BIKORWA BYA GUVERINOMA BYO GUTEZA IMBERE AMASHURI Y'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO (TVET SCHOOLS AND POLYTECHNICS)

Kigali, Ku wa 22/07/2021

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

1. Mbashimiye cyane uyu mwanya mungeneye, kugira ngo mbagezeho ibikorwa bya Guverinoma, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 133 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

2. Uyu munsi ngiye kubagezaho ibikorwa birebana no **Guteza imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (Technical and Vocational Education and Trainings-TVETs and Polytechnics)** bikubiye muri Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere/NST1 (2017-2024).

3. Ariko mbere y'uko nkomeza nagira ngo mbanze ngaruke gato kuri bike by'ingenzi Guverinoma y'u Rwanda yakoze mu gihe cya vuba mu rwego rw'uburezi muri rusange hagamijwe cyane cyane kuvugurura ireme ry'Uburezi.

4. Bimwe muri byo twabiganiriye mu nama yacu y'ubushize, ariko numvise ari byiza ko twabyibutsa Inteko ndetse n'Abanyarwanda muri rusange. Bimwe muri ibyo akaba ari ibi bikurikira:

5. **Mu rwego rwo kuzamura imibereho myiza ya Mwarimu: Guhera muri Werurwe 2019**, abarimu bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye ya Leta n'afashwa na Leta, bongererwa buri mwaka amafaranga angana na **10%** ku mushahara wabo. Ibyo byari ukugira ngo imibereho ya mwarimu igende izamuka kandi birakorwa buri mwaka.

6. Ibi byarakozwe mu mwaka wa 2019, mu wa 2020, ndetse n'ubwo turi mu bihe bikomeye bya Covid-19, ntibyatubujije gukora uko dushoboye kugira ngo tubonere abo barimu indi nyongera ya 10% uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021/2022.

7. Ibi rero nagira ngo mbigarukeho kubera ko bikomeza gushimangira agaciro nka Guverinoma duha mwarimu kandi tukaba dushaka gushimangira ko uko kumuha agaciro tuzabikomeza, igihe cyose ubushobozi bwa Leta bwaba bubitwemereye.

8. Ikindi nakongeraho ni uko mu 2019, Guverinoma y'u Rwanda yatangiye igikorwa cyo kubaka ibyumba by'amashuri. Intego twanayigezeho yo kubaka ibyumba by'amashuri 22.505. Ibyo bikaba byari bigamije kugira ngo tugabanye ingendo abanyeshuri bakora bajya kwiga cyane cyane abakoraga ingendo ndende cyane.

9. Hari aho wasangaga abanyeshuri bagenda ibirometero birenga n'icumi bagiye kwiga bigatuma umunsi ukurikiyeho umwana adashobora gusubira ku ishuri. Ariko uretse ibyo gusa, harimo no kugabanya ubucucike. Ni ukuvuga umubare w'abana baba bari mu ishuri rimwe, aho wasangaga ahenshi umwarimu yigisha abana 100 cyangwa 120 adashobora kwitaho.

10. Ibi byumba rero aho byuzuriye tubona ko umubare w'abanyeshuri mu cyumba kimwe cy'ishuri uzajya uba hagati y'abana 45 na 60. Ibyo rero bigatuma mwarimu umwe ashobora kwita ku bana yigisha no kubakurikirana. Ibi byumba byubatswe mu gihe cyihuse cyane kitarengeje amezi icyenda, ndetse bimwe byatangiye kwigishirizwamo muri iki gihembwe cy'amashuri gishize.

11. Tukaba rero twizeye ko ndetse n'ibindi byose byari bisigaye ariko bizatangira kwigirwamo mu kwezi kwa cyenda k'uyu mwaka ndetse n'abarimu bazabyigishamo ingengo y'imari yabageneye imishahara yabo.

12. Ku byerekeranye no gutegura mwarimu n'ahazaza he (Career path): Havuguruwe integanyanyigisho y'amashuri nderabarezi (TTCs) maze yongerwamo amasomo y'ingenzi yaburagamo kugira ngo abayarangijemo bazashobore kwigisha mu mashuri y'incuke n'abanza, ndetse bagire n'ubushobozi bwo gukomeza kwiga kaminuza n'amashuri makuru igihe babikeneye cyangwa igihe bibaye ngombwa. Ibyo bizatuma bagira ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo mu rwego rw'uburezi.

13. Muri aya mashuri nderabarezi, ubu hajyamo abanyeshuri babonye amanota meza mu bizamini bya Leta bisoza umwaka wa gatatu w'icyiciro rusange.

14. Ikindi cy'ingenzi kandi cy'ingirakamaro Guverinoma yakoze muri uru rwego ni uko hafashwe umwanzuro ko buri munyeshuri ujya kwiga mu ishuri nderabarezi-TTCs (Ni ukuvuga uwitegura kuzaba mwarimu w'amashuri abanza), Leta imwishyurira icya kabiri (½) cy'amafaranga y'ishuri buri mwaka w'amashuri kugeza igihe arangirije.

15. Ibi rero bisobanuye ko umunyeshuri wiga ishami nderabarezi azajya yishyura gusa 50% by'amafaranga y'ishuri andi Leta ikayamutangira. Ibyo na byo ni ukugira ngo dutegure neza mwarimu w'amashuri abanza w'igihe kiri imbere kandi yige bitamugoye. Nagira ngo nshimangire ko ibyakozwe mu mwaka w'ingengo y'imari ushize kandi bizakomeza.

16. Mu gihe cyo gutanga buruse za Leta, amasomo y'uburezi twayashyize ku rwego rumwe n'amasomo ya siyansi, ikoranabuhanga n'imibare (STEM). Ariko akarusho karimo ni uko umunyeshuri wiga ibijyanye n'Uburezi we atazajya yishyura inguzanyo ya buruse "*bourse*" mu gihe cyose arangije kwiga agakora umwuga w'uburezi, kereka uzarangiza kwiga ntakore umwuga w'uburezi. Ariko uwize uburezi muri kaminuza, yarangiza akanakora uburezi, ntabwo we buruse tuzayita inguzanyo, ahubwo Leta izayimurihira. Ntabwo we azishyura Leta, hagamijwe kumufasha kugira ngo akore umwuga we neza.

17. Muri urwo rwego kandi, Umunyeshuri uzajya arangiza mu mashuri nderabarezi akigisha imyaka itatu (3) mu mashuri abanza, azajya ahabwa buruse itishyurwa n'amafaranga atunga umunyeshuri azamufasha kwiga Kaminuza (Bachelors) mu ishami ry'Uburezi.

18. Umunyeshuri uzajya arangiza muri Kaminuza mu Ishami ry'Uburezi, akigisha imyaka itanu (5) mu mashuri yisumbuye, we azajya yemererwa buruse itazishyurwa, n'amafaranga atunga umunyeshuri byo gukomeza mu cyiciro cya gatatu cya Kaminuza (Masters) mu ishami ry'Uburezi, kandi nabwo ayo mafaranga ntazayishyure igihe cyose azarangiza iyo *masters* agasubira mu burezi.

19. Ibyo byose rero ni ibyagiye bishyirwaho ndetse byatangiye gukorwa kugira ngo dufashe iyo *career path* ya mwarimu abe ari umuntu ushobora gutangira kwigisha akagenda akura mu mwuga we anashobora kwiteza imbere ari nako ateza imbere Igihugu. Nagira ngo kandi nibutse ko uko kwishyurira abarimu bajya kwiga muri kaminuza byatangiye uyu mwaka, hakaba hari umubare w'abarimu bigisha mu mashuri abanza twatangiye gushyira muri kaminuza.

20. Hagamijwe guteza imbere imibereho myiza y'abanyeshuri, amafaranga y'inguzanyo y'abanyeshuri biga muri kaminuza basanzwe batari abiga uburezi gusa n'abiga ibindi byose, ubungubu yagiye azamurwa aho yavuye kuri 25.000 FRW ku kwezi mu mwaka w'amashuri 2017/2018 aba 35.000 FRW ku kwezi muri 2018/2019. Naho guhera 2019/2020 yabaye 40.000 FRW ku kwezi ku munyeshuri.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

21. Ibyo nari mpereyeho byari ukugira ngo nibutse muri rusange ko nubwo tuganira ku mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, ariko byose bigenda mu murongo umwe wo guteza imbere uburezi muri rusange, kwita kuri mwarimu, kwita ku banyeshuri, ndetse no gutunganya integanyanyigisho.

22. Ndagira ngo kandi nibutse ko integanyanyigisho na yo ubwayo muri iki gihe irimo kuvugururwa, yaba iy'amashuri yo mu burezi rusange ndetse n'iy'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, kugira ngo tuyihuze n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo, abana biga imyuga ari n'abiga ibindi bashobore kurangiza bafite ubumenyi buhagije butuma bakora ibyo isoko ry'umurimo ryifuza.

23. Ku birebana n'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, ibyo ngiye kubagezaho bikubiye mu ngingo z'ingenzi zikurikira:

a. Uruhare rw'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro mu iterambere ry'igihugu;

b. Politiki n'amategeko bigenga uburezi bwo mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro mu Rwanda;

c. Imiterere n'imikorere by'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro mu Rwanda;

d. Gahunda yo guteza imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro nk'uko bikubiye muri Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere/NST1 (2017-2024), ibimaze kugerwaho n'ibiteganyijwe;

24. Uruhare rw'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro rugaragara ku Isi hose. Nk'uko twese tubizi, aya mashuri atuma umwana urangije kuyiga aba afite nibura umwuga azi gukora, umufasha, ariko no ku rwego rw'Igihugu ni amashuri akunda gutuma habaho iterambere ry'inganda kuko aba ari abantu barangije bafite imyuga bazi gukora kandi mu nzego zinyuranye. Ibihugu byinshi rero byateye imbere mu bukungu byifashishije politiki zihamye zo kwiga no kwigisha imyuga n'ubumenyingiro ku buryo bifasha inganda mu gukura kwazo.

25. Urugero rwa mbere twatanga ni nk'igihugu cy'Ubudage (Germany), aho abasaga 50% (52.9%) by'abaturage bose (Urubyiruko n'abakuze) bagana amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro. Ibi bibafasha kwihangira imirimo, bakarushaho kurwanya ubushomeri, kwiteza imbere no guteza imbere igihugu cyabo.

26. Mu Budage kandi, mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, 30% byigirwa mu ishuri naho 70% umunyeshuri akabyigira mu ruganda/ku murimo (Dual VET), ibyo bigatuma umwana wabyize arangiza afite ubumenyi bw'imyuga ariko azi no kugira icyo akora gifatika.

27. Urugero rwa kabiri twatanga ni urw'Ubusuwisi, aho 69,1% by'urubyiruko n'abakuze bitabira amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro.

28. Ibindi bihugu byateje imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro twavuga ni Ubushinwa, Koreya y'Epfo, Ubuyapani, Singapore n'ibindi byinshi cyane.

29. Ariko twese twemeranya ko umwana wize umwuga bigaragara ko ku isoko atabura akazi cyangwa ngo abe umushomeri nk'udafite umwuga ashoboye gukora.

30. Muri ibyo bihugu byose, usanga abarangije mu myuga n'ubumenyingiro baragize uruhare runini mu kubiteza imbere, mu kubifasha kugira ubushomeri buri hasi, cyane cyane mu rubyiruko.

31. Ni muri urwo rwego usanga muri bimwe muri ibyo bihugu, ubushomeri buba buri ku kigero cyo hasi bitewe n'uko nyine hari n'abana baba barize mu burezi rusange ariko yarangiza akagira amahugurwa y'igihe gito cy'umwuga ndetse ugasanga ni wo ugiye kumubyarira akazi kurusha ibyo yari yarize mbere kubera ko haba harimo wenda, ibyo yize bindi bitashoboye kumuha akazi.

32. Guteza imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro byifashishijwe n'ibihugu byavuzwe haruguru nk'inkingi ikomeye mu iterambere ry'ibikorwa remezo, inganda (Industrial revolution) mu byiciro byose, ndetse no mu bindi byiciro by'ubukungu.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

33. Ku birebana n'u Rwanda, mu kunganira Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere (NST1/2017-2024), Guverinoma y'u Rwanda ifatanyije na Banki y'Isi (World Bank), mu myaka mike ishize twakozwe ubushakashatsi ku bizibandwaho kugira ngo u Rwanda rwihute mu iterambere (Future Drivers of Growth in Rwanda).

34. Icyahurijweho nk'umwanzuro muri iyo nyigo ni uko byagaragajwe ko icy'ingenzi dukeneye muri iki gihe nk'u Rwanda, ari ukuzamura ubushobozi bwa muntu (Human Capital Development), ibi bikaba byaraje ku isonga mu bifasha igihugu kwihutisha iterambere. Ibyo bisobanuye ko urubyiruko rwacu rukwiye kubona amahugurwa, rukiga neza, kuko ari rwo ruzashingirwaho mu rwego rw'iterambere ry'Igihugu cyacu mu myaka iri imbere.

35. Ibyo rero byatumye tumaze kubona ibyagaragajwe n'ubwo bushakashatsi, twongera imbaraga nyinshi zishoboka kugira ngo turebe koko ko uburezi bwahinduka inkingi y'iterambere ry'Igihugu cyacu, ndetse ari naho twasobanuye ko muri NST1, dushaka ko u Rwanda rugenda ruhinduka igihugu gifite ubukungu bushingiye ku bumenyi *"a Knowledge Based Economy",* kandi twizeye ko bizagerwaho.

36. Ubwo bushakashatsi kandi bwagaragaje ko, inzira nyayo yo kubaka ubushobozi bwa muntu (Human Capital Development) ari uburezi bufite ireme. Niho dusobanura ko ibyo turimo ubu ngubu atari ugushyira abana mu mashuri gusa, ahubwo ni ukubashyiramo kugira ngo banige neza, ibintu bifite ireme. Aha ni ukuvuga uburezi butanga ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo.

37. Ni muri urwo rwego u Rwanda rwibanda cyane kuri gahunda yo kwigisha imyuga n'ubumenyingiro (TVETs).

38. Ibipimo by'ingenzi dufite kugeza ubu mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (Key TVET Indicators) ni ibi bikurikira:

39. Kugeza ubu mu Gihugu hari amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVETs Schools) 365. Naho amashuri makuru y'imyuga n'ubumenyingiro (Polytechnics) ni 14.

40. Umubare w'abanyeshuri mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro yose (TVETs Schools and Polytechnics) ni 97.440 (2020).

41. Kugeza uyu munsi, umubare w'abarimu mu mashuri y'imyuga yose (TVETs Schools and Polytechnics) ni 5.435.

42. Umubare w'amashuri makuru y'imyuga n'ubumenyingiro (Polytechnics) afite murandasi (Internet) ni 100%, naho uw'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro y'isumbuye (TVET secondary Schools) ni 82%.

43. Mu Rwanda, amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro afasha mu iterambere ry'ubukungu bw'igihugu aho atuma abayagana babasha kwihangira imirimo no guhangana ku isoko ry'umurimo yaba imbere mu Gihugu ndetse ubu dufite n'abasigaye bajya hanze y'Igihugu kuhakora ibyo bize.

44. Ingero twatanga ni uko nko mu 2019 byagaragaye ko abarangije muri aya mashuri (TVETs) byibura 70%, ni ukuvuga abasaga 60.000 (66.099) babonye akazi mu mezi atandatu ya mbere nyuma yo kurangiza kwiga. Ibyo byerekana ko bari bafite ubumenyingiro n'ubushobozi kandi ko bari bakenewe ku isoko ry'umurimo.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

45. Muri uyu mwanya, ndagira ngo mbagezeho **ibirebana na politiki, amategeko n'amabwiriza bigenga uburezi bw'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro mu Rwanda.**

46. Muri Nzeri 2015, hemejwe Politiki y'inyigisho z'imyuga n'ubumenyingiro (TVET Policy) ubu ikaba irimo kuvugururwa kugira ngo tugende tuyihuza n'ibihe tugezemo. Izanahuzwa na Politiki y'uburezi muri rusange, na yo irimo kuvugururwa.

47. Iyi politiki ivuguruye itanga umurongo mu kwigisha imyuga n'ubumenyingiro, inasubiza ibibazo biboneka ku isoko ry'umurimo. Leta y'u Rwanda yashyize ingufu mu guteza imbere inyigisho zijyanye n'ubumenyingiro kugira ngo izafashe Igihugu kugera ku ntego yo kuba kimwe mu bihugu bifite iterambere rishingiye ku bumenyi (knowledge-based economy).

48. Hari kandi na Politiki ya Igira ku murimo (Workplace Learning Policy) yemejwe na yo muri Nzeri 2015.

49. Ibyo byose rero bikaba bitanga amahirwe akomeye ku Banyarwanda bakesha izi politiki zo kwigisha imyuga n'ubumenyingiro. Ibyo kandi bikaba binagaragaza ko kugeza ubu umwana wize ayo mashuri, ikiciro cyose yaba agezeho yigishwa ku buryo aho yahagarikira hose ashobora kugira ikintu yimarira mu buzima bwe, n'ubwo akenshi tuba dukeneye ko bayiga bakayarangiza.

50. Ariko n'aho ahagarikiye hari *certificat* ahabwa yerekana ko *package* yafashe ishobora gutuma agira ikintu ageraho, ariko nanone mu mavugururwa turimo gukora hari ibizarebwaho kugira ngo twongere dushyire ku murongo neza ibyo bano banyeshuri biga bituma bashobora guhangana ku isoko ry'umurimo.

51. Andi mategeko menshi yagiye ashyirwaho areba no guteza imbere urwego rwo kwigisha imyuga n'ubumenyingiro, ariko cyane cyane nagira ngo nsobanure urwego rwashyizweho vuba rutari rusanzweho rwitwa Rwanda TVET Board; ni ukuvuga ko twari dufite urwego rwitwa Rwanda General Education Board, rwakurikiranaga imyigishirize y'abiga ubumenyi rusange (General education) ariko nta rwego rwari ruhari rwakurikiranaga ibijyanye no kwigisha imyuga.

52. Ubu rero, nk'uko mubizi, mu gihe cya vuba, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho *Rwanda TVET Board*, ndetse urwo rwego ruhabwa ubuyobozi n'abakozi, ku buryo ubu ngubu nibo bakurikirana umunsi ku wundi imyigire n'imyigishirize y'imyuga mu rwego rw'amashuri yisumbuye. Hanyuma hashyirwaho kandi urwego twiswe *National Examination and Schools Inspection Authority,* rwo rureberera amashuri yombi ari ay'imyuga n'ay'uburezi rusange.

53. Uru rwego rwashyizweho kugira ngo twirinde ko urwego rwigisha ari na rwo rutanga ibizami, ahubwo twarabitandukanyije tugira *Rwanda General Education Board*, ishinzwe gukurikirana imyigishirize yo mu mashuri rusange, tugira *Rwanda TVET Board* ishinzwe gukurikirana imyigishirize yo mu mashuri y'imyuga.

54. Hanashyizweho kandi n'Urwego twita *NESA* rwo rushinzwe kugenda rugenzura, rureba ko amasomo atangwa neza ndetse akaba ari na rwo rutegura ibizami, ibyo bikuraho kugira ngo uwigishije abe ari na we ubaza, ubu noneho dufite abashinzwe kwigisha tukagira n'abishinzwe gutanga ibizami no gukora igenzura bituma rero ireme ry'uburezi ryiyongera kuko uwigisha atigenzura.

55. Ku bijyanye n'amashuri y'imyuga ku rwego rwa kaminuza, ndagira ngo nibutse ko noneho Ikigo gishinzwe amashuri makuru (HEC) na yo yahawe uburenganzira bwo kugenzura Polytechnic, mbere yagenzuraga gusa za Kaminuza z'uburezi rusange, ariko noneho na yo niyo izajya ireba *standards* no mu bigo bya kaminuza bya Polytechnic.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

56. Muri uyu mwanya, ngiye kubagezaho ibyerekeranye **n'imiterere n'imikorere by'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET schools and Polytechics) mu Rwanda.**

57. Ku bijyanye n'ibyiciro by'aya mashuri, harimo ibyiciro binini bigera kuri bitatu. Icyiciro ngiye guheraho ni icyiciro kigisha imyuga, ku rwego rw'amashuri yisumbuye, ni ukuvuga abana barangije icyiciro rusange, bamwe bashobora guhitamo kujya kwiga mu burezi rusange mu mashami anyuranye, abandi bagahitamo kwiga ibijyanye n'imyuga, abo rero na bo iyo bageze muri ayo mashuri ya TVET, bigamo imyaka itatu, nk'uko n'abajya mu burezi rusange biga imyaka itatu.

58. Noneho nyuma y'imyaka itandatu, bagahabwa impamyabumenyi n'ubundi ingana n'iyabize mu burezi rusange. Abo rero iyo barangije icyo cyiciro cy'amashuri yisumbuye ya TVET baba bashobora kujya gukora akazi gasanzwe, baba bafite umwuga bazi gukora, haba harimo abize ubwubatsi, abize amashanyarazi, n'ibindi byose binyuryanye ariko bafite n'ubushobozi bwo gukomeza muri kaminuza bagakomereza mu cyo twita *Polytechnic*, naho bageramo bakiga icyiciro cya mbere cya kaminuza muri *Polytechnic*.

59. Ariko icyo nagira ngo mbibutse ni uko tutirengagije ko hari n'abandi Banyarwanda bakeneye imyuga ariko bo wenda batagize amahirwe yo kujya mu cyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye ngo bakomeze amashuri yisumbuye biga imyuga, abo na bo barimo ibyiciro binyuranye, hariho ababa rwose batarangije n'amashuri abanza, cyangwa se abize bagacikiriza mu mwaka wa mbere cyangwa uwa kabiri w'icyiciro rusange na bo tukumva bakeneye umwuga wo gukora.

60. Abo rero nabo bafite gahunda yabo tubakorera y'amezi make, aho uwo muntu ashobora kugenda akiga hagati y'amezi atandatu n'amezi icyenda umwuga ucirirtse yawurangiza tukamuha impamyabushobozi ishobora gutuma agenda akagira ikintu akora akamenya gukanika, akamenya kubaka byo ku rwego rucirirtse. Icyo ni icyiciro tutita amashuri yisumbuye, tucyita ko ari *vocational training*, ahantu umuntu anyura akiga umwuga ku buryo bwihuse akagira ikintu akora.

61. Mu by'ukuri, ibyiciro by'ingenzi ni bitatu. Icya mbere ni icyiciro cy'abantu batagize amahirwe yo kujya mu mashuri yisumbuye duha amasomo y'igihe gito cyane kugira ngo bagire icyo bimarira mu buzima bwabo, hakaba icyiciro gisanzwe kijyamo abarangije icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye bakiga imyuga barangiza bakabona impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye ibaha ubushobozi bwo kujya ku isoko ry'umurimo cyangwa se kuzakomeza muri kaminuza.Hari kandi ikindi cyiciro kinini cy'uko iyo bakomeje muri kaminuza biga mu cyo tumenyereye kwita IPRCs, ni ukuvuga abagiye mu cyiciro cya kaminuza.

62. Nagira ngo rero mbibutse ko mu rwego rwo kugira ngo tuvugurure neza ubwo burezi dukurikije n'ibibera mu bindi bihugu byagiye byifashisha ubumenyingiro kugira ngo byiteze imbere no kugira ngo umwana wahisemo kwiga imyuga azayikomeze irinde imugeza ku cyiciro cyose yifuza kandi inamuteze imbere.

63. Ni muri urwo rwego rero turimo kugerageza kuvugurura ndetse tukazashyira mu bikorwa mu gihe cya vuba amavugururwa azatuma wa mwana wize TVET mu mashuri yisumbuye, akajya muri kaminuza y'ubumenyingiro aho kugira ngo ahabwe icyo twita uyu munsi *diploma* cyangwa *advanced diploma*, azajya ahabwa icyo twita Bachelor of Technology/B-Tech' akaba ari icyiciro kizajya kinjiramo abanyeshuri barangije icyiciro cya mbere cya IPRC.

64. Nyuma y'iki cyiciro kandi, hazakurikiraho icyiciro kisumbuyeho kizatanga impamyabushobozi yo ku rwego rwa Master of Technology/M-Tech, ndetse abana bagakomeza bakumva ko gutangira muri TVET mu mashuri yisumbuye bikuzamura kugera ku rwego ushaka kandi kuri buri *level*, ukaba ufite umwuga wakora n'akazi wakora, ayo mavugururwa rero ari hafi cyane azashyirwa mu bikorwa mu gihe kidatinze kuko twamaze kuyategura.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

65. Nagira ngo nongere nibutse abatwumva bose ko iyi gahunda yo guteza imbere amashuri y'imyuga ari gahunda dushyizemo imbaraga nyinshi kandi ko abazayiga tuzakomeza kubakurikirana, kugira ngo n'ibikwiye byose harimo cyane cyane gushakira amashuri ibintu byahendaga mu gihe gishize byanatumaga abanyeshuri bamwe n'ababyeyi bacika intege zo gushyiramo abana, ibyo ni ibikoresho by'ishuri byo kwimenyereza umwuga (*consumables)*.

66. Ibyo ni ibikoresho abana bakoresha iyo basubiramo ibyo bize kugira ngo bumve ko babifashe mu mutwe (Practicals), byateraga rero ikibazo ugasanga bihindutse umutwaro ku kigo cy'ishuri kuko bitatangwaga, ibyo bigatuma ikigo cy'ishuri gica amafaranga abana yo kugira ngo babiguremo, ubu rero dusigaye tubishyira kuri *budget* ya buri kigo ku buryo amafaranga y'ibikoresho bakoresha bimenyereza umwuga (consumables) atangwa na Leta, ntabwo azongera gutangwa n'ababyeyi.

67. Ibyo bizagabanya amafaranga ababyeyi bishyuraga yo gutunga umwana ku ishuri kongeraho ay'ibikoresho, ubu ngubu ibikoresho byo mu mashuri y'imyuga ndagira ngo nibutse ko Leta ibigura, ndetse nongera kuvuga ko nta shuri rizongera kubyishyuza abana kuko Leta irabigura kandi ikabishyira mu mashuri yose, kuva uyu mwaka ushize w'ingengo y'imari nibwo twabitangiye kandi bizakomeza, ibyo tubikora kugira ngo tugabanye amafaranga yishyurwaga mu mashuri y'imyuga noneho ku biga imyuga ishuri ribe rihendutse *(affordable)*.

68. Kuva mu mwaka wa 2010 kugeza mu 2021, amashuri makuru y'imyuga n'ubumenyingiro (polytechnics) na yo yagiye yiyongera, yavuye ku mashuri 2 agera kuri 14, ni ukuvuga ko yikubye inshuro 7. Agizwe n'amashuri ya politekiniki 8 ya Leta na 6 ya kaminuza zigenga.

69. Amashuri yose y'imyuga n'ubumenyingiro dufite kugeza ubu aherereye mu Ntara zitandukanye z'Igihugu cyacu, ku buryo bukurikira:

70. Mu Burengerazuba hari amashuri 76 yisumbuye (TVET secondary schools). Muri Karongi hariyo 12, Ngororero hariyo 9, Nyabihu hariyo 8, Nyamasheke hariyo 9, Rubavu hariyo 17, Rusizi hariyo 13, Rutsiro hariyo 8. Hakaba n'ishuri rimwe (1) rya Politekiniki riri i Karongi.

71. Mu Burasirazuba hari amashuri 75 yisumbuye (TVET secondary schools). Muri Gatsibo hari 12, Kayonza hari 9, Kirehe hari 7, Ngoma hari 12, Nyagatare hari 10, Rwamagana hari 14, naho Bugesera hakaba 11. Hari kandi na Politekiniki 2, imwe iri Ngoma, indi ikaba Rwamagana.

72. Naho mu Majyepfo hari amashuri 88 yisumbuye (TVET secondary schools). Aho muri Gisagara hari 7, Huye hari 9, Kamonyi hari 9, Muhanga hari 21, Nyamagabe hari 8, Nyanza hari 13, Nyaruguru hari 5, naho Ruhango hakaba 16. Hari kandi na Politekiniki 3, aho imwe iri Huye, izindi zikaba Nyamagabe na Nyanza.

73. Mu Majyaruguru hari amashuri 63 yisumbuye (TVET secondary shools). Muri Burera hari 6, muri Gakenke hari 11, muri Gicumbi hari 15, muri Musanze hari 16, naho muri Rulindo hakaba 15. Hari na Politekiniki 3, ebyiri (2) zikaba ziherereye Musanze n'imwe iri Rulindo.

74. Mu Mujyi wa Kigali hari amashuri 63 yisumbuye (TVET secondary shools). Muri Gasabo hari 22, Kicukiro hakaba 24, naho Nyarugenge hari 17. Hari kandi na Politekiniki 5, aho 2 ziri muri Kicukiro, izindi 2 zikaba muri Nyarugenge, indi imwe ikaba muri Gasabo.

75. Mu rwego rwo kongera ibikorwaremezo by'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, hubatswe mu mirenge itari irimo na rimwe. Ndetse politiki yacu ikaba ari iy'uko mu 2024, buri Murenge uzaba ufite nibura ishuri rimwe ry'imyuga n'ubumenyingiro, ariko ubundi intego ni uko twanarenza ndetse hari n'Imirenge igiye ifite amashuri y'imyuga abiri cyangwa atatu ariko tuzanakomeza.

76. Kugira ngo tugere kuri icyo kitegererezo, nagira ngo nibutse ko muri iyi gahunda yo kubaka amashuri, aya twubatse muri aya mezi icyenda ashize, twubatsemo na TVET 89. Muri izo TVET 89, twabanje cyane cyane mu Mirenge itari ifite TVET n'imwe, ariko tukaba twemeza ko kugira ngo tugere ku ntego twiyemeje isobanura ko mu mwaka wa 2024, nibura abana 60% bazaba biga mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, iyo gahunda ituma twarafashe intego yo kubaka nibura TVET 56 buri mwaka w'ingengo y'imari.

77. Kugira ngo ibyo byorohe icyakozwe ni uko twashyizeho gahunda igizwe n'ibice bibiri. Hari ukugira TVET ziri zonyine, ibyo akenshi ugasanga bihenze aho TVET imwe ishobora kurenza miliyari imwe y'amafaranga y'u Rwanda kandi ugasanga wenda igiye n'ahantu kure abana badahurira.

78. Twanashyizeho kandi ibyo twise TVET wings ni ukuvuga ahantu hari hasanzwe amashuri y'Uburezi bw'imyaka 12 (Twelve years Basic Education), tugashyiraho ishami rya TVET, aho ushobora gusanga abana biga ishami ry'uburezi rusange tukabongereraho n'ishami rya TVET kugira ngo abarangije icyiciro rusange bakumva bakeneye kwiga TVET bamwe bajye mu cyiciro rusange abandi bajye bakomeza muri TVET.

79. Aho rero icyo dukora dufata iryo shuri tukongeraho amashuri yo kwigiramo TVET, tukabongereraho n'aho bakorera ukwimenyereza (workshops), noneho abana bakaba bashobora gukomereza ku kigo kimwe bafite ubuyobozi bumwe ariko biga amashami anyuranye bamwe biga TVET abandi biga ubumenyi rusange.

80. Ibi rero bigabanya igiciro mu bijyanye no kubaka kuko iyo TVET iba ikozwe aho isangira ibikorwa remezo (*infrastructure)* n'iryo shuri ryari rihasanzwe, ubuyobozi bw'ishuri bugakomeza kuba bumwe, gusa umuyobozi w'ishuri akaba ayobora amashami anyuranye, hakiyongeraho gusa amasomo yihariye batanga (*specialisés)* ajyanye na TVET ariko abarimu bigisha amasomo rusange bo bakomeza kuba bamwe. Ibyo rero twasanze ari uburyo bwiza butuma twubaka TVET nyinshi, zikegera abaturage, zikegera Abanyarwanda aho bari mu Mirenge yabo, kandi ku giciro cyiza kandi bikihutisha ako kazi.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

81. Ku birebana n'imibare y'abanyeshuri biga mu byiciro byose by'imyuga n'ubumenyingiro n'uko yagiye yiyongera buri mwaka kuva mu 2017, ndagira ngo mbamenyeshe uko ihagaze.

82. Mu 2020 hari abanyeshuri bari hafi ku 97.440 mu mashuri yose y'imyuga n'ubumenyingiro. Muri bo, ab'igitsina gabo bari 54% n'aho ab'igitsina gore bari 46%.

83. Abanyeshuri 74.044 ni abo mu mashuri yisumbuye (TVET secondary schools: Level 3 to 5), aba bakaba bari 66.244 mu 2017, ni ukuvuga ko ubwitabire muri aya mashuri bwiyongereyeho abasaga 11%.

84. Naho mu cyiciro cya 6 kugeza ku cya 7 (IPRCs -Polytechnics), mu 2020 bari bageze ku 12.837 bavuye ku 10.420 bo mu 2017, bivuze ko ubwitabire muri iki kiciro bwiyongereyeho abasaga 23%.

85. Nk'uko nabivuze rero, intego yacu nka Guverinoma ni uko mu mwaka wa 2024, twifuza ko abiga imyuga n'ubumenyingiro bazaba bagera kuri 60% by'abana bazaba bari mu mashuri noneho abiga ubumenyi rusange bakaba 40%.

86. Ku bijyanye no kwigisha imyuga ku buryo bwihuse, ibyo twitaga *Vocational training centers,* na byo bizakomeza kugira ngo turusheho gufasha urubyiruko rutashoboye kugira amahirwe yo gukurikirana ibyiciro byose by'amashuri, ariko kugira ngo uko turushaho kugenda dutera imbere, tuzabe tuzi neza ko buri Munyarwanda nibura afite umwuga azi gukora.

87. Ikindi nagira ngo nibutse ni uko muri aya mashuri y'imyuga icyo tugenda tubona nka Guverinoma, ntabwo hajyamo gusa abataragiye kwiga amashuri yisumbuye cyangwa ba bandi bacikirije, ubu turagenda tunabona bamwe mu bantu barangije kaminuza bize ubumenyi rusange baza kudusaba kuba bajya kwiga igihe gito kugira ngo bagire umwuga bakora, noneho ubajyane ku isoko ry'umurimo.

88. Ibyo rero na byo turabikurikira nka Leta, tukumva ko aya mahirwe tutayabima, igihe umuntu yarangije kaminuza yarize irindi shami ritari iry'umwuga n'ubumenyingiro, wenda akabona amaze igihe atarabona akazi, cyangwa yifuza kugira umwuga akora, akadusaba kwiga umwuga, abo nabo ayo mahirwe turayabaha.

89. Twagiye tubona kandi abasaba bati niba nshobora kwiga amezi aya n'aya nkamenya kubaka, nkamenya gukora amashanyarazi atitaye ku yindi mpamyabumenyi afite. Ibyo rero na byo turagenda tubishyiramo imbaraga kugira ngo Abanyarwanda bose nibura babyifuza bazabe bafite umwuga bashobora gukora mu gihe kiri imbere.

90. Ikindi nagira ngo nibutse, ni uko ibibazo by'abarimu bigisha muri aya mashuri, ngira ngo hakunze kubaho ko izina twabitaga ngo ni ba *trainers* bakumva basa naho basigaye inyuma.

91. Nagira ngo nongere nibutse ko abarimu bigisha mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro tubitaho kandi ko tubafata kimwe n'abandi barimu bose ndetse ko n'ibyo bagenerwa (*avantages)* twashyize mu barimu biga uburezi na bo tuzabibaha, ni ukuvuga ko umuntu uziga muri Polytechnic, kuko aba azigisha muri ayo mashuri ya TVET mu mashuri yisumbuye.

92. Bityo uziga muri IPRC akavuga ko anemeye gufata umwuga wo kwigisha na we *buruse* yigiyeho ntabwo azajya ayishyura na we azafatwa nka mwarimu, ndetse turi no kureba uburyo abiga muri IPRC bumva bifuza kuzigisha (*career* y'ubwarimu), hejuru y'amasomo basanzwe biga, tuzajya tubongereraho amasomo make kugira ngo bige ibijyanye no kwigisha (pedagogy).

93. Noneho narangiza akajya mu bwarimu ayo mafaranga yigiyeho ari ayamutungaga ku ishuri ari n'ayo yishyuye ishuri, Leta izajya iyamwishyurira, ariko azaba afite n'amahitamo (*choice)* y'uko ashobora kutigisha akajya mu buzima busanzwe akajya muri *industry* na byo ntabwo tuzabimubuza.

94. Gusa icyo gihe buruse yigiyeho izaba ihindutse inguzanyo ntabwo izaba ikiri iyo kugira ngo Leta iyimwishyurire muri urwo rwego rwo guteza imbere mwarimu no kugira ngo umushara wa mwarimu we guhungabana, kuko uko yishyura ni ko aba akura ku mushahara. Bityo rero turagira ngo umushahara wa mwarimu we kuzajya uhungabana tumusaba kwishyura amafaranga yigiyeho.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

95. Ndagira ngo ntatinze mbabwire ko intego ya Leta y'u Rwanda ari uguteza imbere uburezi muri rusange, twongera ireme ry'uburezi, ariko noneho byagera ku myuga tugashaka kumva ko umwana wize imyuga arangije afite ubushobozi bufatika, afite icyo ashobora gukora ku isoko ry'umurimo kandi ko na we ubwo yifitemo icyizere cyo guhanga umurimo cyangwa cyo gukorera undi wahanze umurimo ariko akamukorera ku buryo bukwiye.

96. Ntabwo dushaka ko umwana wize imyuga ashobora kurangiza afite ipfunwe yibaza ko ibyo yize atabyumva. Aho rero niho nagarutse mvuga ko ibijyanye n'ibikoresho bakoresha bimenyereza umwuga (consumables) ko rwose twiyemeje ko Leta ibishyira mu ngengo y'imari, ikabibishyurira ntihagire ubuyobozi bw'ikigo bwongera guca amafaranga abanyeshuri ngo ni ayo kugura ibikoresho, tuzajya tubibagurira kandi twarabitangiye.

97. Ikindi kibazo cyakunze kuvugwa ni ikijyanye no kuzamurwa mu ntera kw'abarimu bo mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, nkaba ngira ngo mbizeze ko icyo kibazo kirimo gukemuka, abarimu bo mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, bazajya bazamurwa mu ntera nk'abandi barimu bose.

98. Ikindi ni uko hari n'ibirarane bari bafitiwe cyane cyane ibijyanye no kuzamurwa mu ntera twita *horizontal promotion* by'imyaka ishize, ndagira ngo rwose mvugire aha ko umwaka ushize w'ingengo y'imari, ibyo birarane twishyuye icya kabiri cyabyo ndetse igice cyasigaye twagishyize muri iyi ngengo y'imari tumaze gutangira y'umwaka wa 2021/2022. Ku buryo nabwo icyo gice cy'ibirarane kizishyurwa muri aya mezi ari imbere.

99. Ndagira ngo rero ngaruke kuri uwo murongo w'uko Leta ishyigikiye cyane uburezi bw'imyuga n'ubumenyingiro ariko ikabushyigikira ifasha abanyeshuri kwinjira muri ayo mashuri iborohereza kuyiga ndetse inashyigikira mwarimu wo muri ayo mashuri.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

100. Nagira ngo mbe mpiniye aha, mbashimira kandi ko mwampaye uyu mwanya wo kugira ngo mbagezeho ibijyanye na Gahunda ya Leta mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, nongera kubizeza nizeza n'abatwumva bose ko ari gahunda Leta ishyizemo imbaraga zose zishoboka. Ndagira ngo mbashimire.

Murakoze!